**WORLD MISSION HIGH SCHOOL**

**<u>CCMKN 301 IKINYARWANDA KIBONEYE</u>**

## UMUKORO WO MU RUGO

**AMABWIRIZA**

*1. Andika ibisubizo ku rupapuro rufite isuku.*
*2. Ca umurongo buri uko urangije ikibazo.*
*3. Igihe cyo gutanga ibisubizo: ku wa 19/Mutarama/2026/ Mu gitondo*

## Rubundakumazi

Rubundakumazi
Iyo ahembwe aragenda
Utubari akatubunga
Amakashi ayatanga
Agataha bukeye.

Ab'iwe agahonda
Bagahinduka intere
Bagacika bahunga
Bagataha ibigunda
Ngo badasongwa bashonje.

Abana yabyaye
Ntibigeze ishuri
Yabashoye ibishanga
Gushaka ibyo barya
Ngo bimenye ubwabo.

Ifaranga bacyuye
Aribaka abahonda
Anabita ibirumbo
Bitigeze ubwenge
Bitazi guhaha.

Nyiramama yabyumva
Agashengurwa cyane
Agatinya gukopfora
Ngo atotswa igitutu
Agatimburwa ashonje.

Yamubwira guhaha
Ngo agaburire abana
Agahatwa inshyi nyinshi
Ati: "Ibirumbo wabyaye
Ntibyazanye inoti?

Nge nazanye urwagwa
Rwo kumara inyota
Mwe muteke kayote
Murenzeho amazi
Muryame burije".

Agisoza ayo ngayo
Haba haje gitifu
Umwe utwara ubwo bwatsi
Amukubita amapingu
Ati: "Ibyo uhomva urabizi?

Urubyaro wabyaye
Ntirwigeze ishuri

Urataha uruhonda
Rugahinduka intere
45. Ngo utabaza uramwica.

## I. Ibibazo byo kumva umwandiko

1. Uyu mwandiko ni bwoko ki? Sobanura igisubizo cyawe.
   ……………………………………………………………………………………
2. Ni nde uvugwa muri uyu mwandiko? Ateye ate?
   ……………………………………………………………………………
3. Ni irihe hohoterwa rivugwa muri uyu mwandiko? Riterwa n'iki?
   ……………………………………………………………………
4. Abahohoterwa bavugwa muri uyu mwandiko batabawe na nde? Garagaza imikarago ibyerekana.
   ……………………………………………………………………
   ……………………………………………….. ……………………

## II. Inyunguramagambo

**5.** Simbuza amagambo atsindagiye amwe muri aya magambo akurikira:(aho ngaho, abo uhohotera, indembe, badahuhurwa, abana, agahinda, ugakubita, uyobora)

a) Umwe ***utwara ubwo bwatsi***. ……………………………………
b) Urataha ***ugahonda***. ………………………………………………
c) Ugahindura ***intere***. ………………………………………………
d) Ngo ***badasongwa*** bashonje. ………………………………………
e) ***Urubyaro*** wabyaye. ………………………………………………

## III. IHINAMWANDIKO

**6.** Mu mirongo itanu(5),hina umwandiko wasomye hejuru.

## IV. UBUVANGANZO

**8. Tanga imigani itatu y'imigenurano ifatiye ku nka.**
   …………………………………………………

**9. Andika imigani yerekana ko mu buzima:**

a) Kutumvira ababyeyi bizana ingaruka.
   ……………………………………………………………………
b) Abana bakwiye kwita ku babyeyi babo no kubafasha bageze mu zabukuru.
   ……………………………………………………………………
c) Umwana ubuze nyina akiri muto ababara, akagira ubuzima bubi.
   ……………………………………………………………………

d) Ibyago bisimburana n'ibindi byago, ibibazo bishira haza ibindi .
…………………………………………………………………………

**10. Uzuza iyi migani ikurikira:**

a) inshuti iruta……………………………..................................................

b) Amacumu y'inda……………………………….igorora.

c) Icyansi k'impumyi cyoga ………………………….

## Amahirwe masa!!